UMUSHINGA W'UBURERE MBONERA GIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA UBWIZERANE N'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA.

# IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA MU MASHURI YISUMBUYE YO MU RWANDA.

Nyuma y'amarorerwa yabaye mu Rwanda muri Mata-Nyakanga 1994, ni ngombwa ku buri Munyarwanda, mu rwego arimo, yatanga ibitekerezo bye ku cyakorwa kugirango Abanyarwanda bongere babane neza.

Ni muri urwo rwego rero, Umushinga utegura inyigisho y'Umuco w'Amahoro, ubifashijwemo n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD) wateguye irushanwa ryo KUVUGA NEZA (Tournoi d'Eloquence) mu mashuri yisumbuye. Interuro y'iryo rushanwa ni "ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA".

## AMABWIRIZA AZAGENGA IRUSHANWA

### INGINGO YA MBERE.

Iri rushanwa ryagenewe abanyeshuri bose bo mu mashuri yisumbuye kuva ku mwaka wa kane kujyana hejuru.

### INGINGO YA KABIRI.

Irushanwa rizakorwa mu nzego eshatu :

1°) Mu rwego rwa mbere irushaa rizabera kuri buri kigo cy'ishuri ryisumbuye.

2°) Mu rwego rwa kabiri abazoatsinze mu rwego rwa mbere bazahurizwa mu rwego rw'ifasi.

3°) Abazaba batsinze mu rwe'ifasi bazarushanwa mu rwego rw'igihugu.

### INGINGO YA GATATU

Utunama dushinzvora tuzaba tugizwe n'aba bakurikira :

a) Mu rwego rw'ibigo by'amashuri yisumbuye, ni abarimu bane kuri buri kigo bazaba batoranyijwe n'umuyobozi wacyo.

b) Mu rwego rw'ifasi bazaba ari abantu batatu batanzwe n'umugenzuzi w'ifasi, n'undi umwe uzatangwa n'umushinga.

c) Mu rwego rw'igihugu, ako kanama kazaba kagizwe n'abantu icumi bazashyirwaho n'umushinga.

INGINGO YA KANE

Umushinga uzabanza gusobanurira abagize utunama dushinzwe ijonjora amabwiriza arigenga.

INGINGO YA GATANU

Mu rwego rwa mbere hazafatwa ~~batatu~~ babiri bambere ; mu rwa kabiri, babiri ba mbere naho mu rwego rwa gatatu ari narwo rwa nyuma hazatoranywa cumi na babiri (12) ba mbere. Abo nibo bazegukana ibihembo byateganijwe.

INGINGO YA GATANDATU

Ibihembo bizatangwa ku buryo bukurikira :

- uwa mbere : 200.000 F
- uwa kabiri : 180.000 F
- uwa gatatu : 160.000 F
- uwa kane : 140.000 F
- uwa gatanu : 120.000 F
- uwa gatandatu : 100.000 F
- uwa karindwi : 90.000 F
- uwa munani : 80.000 F
- uwa cyenda : 70.000 F
- uwa cumi : 60.000 F
- uwa cumi n'umwe : 55.000 F
- uwa cumi na babiri : 50.000 F

INGINGO YA KARINDWI.

Abarushanwa bagomba gutegura inyandiko irambuye (hagati y'amapaje atanu n'umunani) yerekana icyakorwa n'inzira Abanyarwanda banyuramo ngo bongere babane neza. Iyo nyandiko izakorwa mu rurimi rw'i Kinyarwanda kandi igomba kuba yandikishije imashini.

INGINGO YA MUNANI.

Iyo nyandiko igomba kuba ari umwimerere. Ni ukuvuga ko abanyeshuri bagomba kwirinda kwandukura izindi nyandiko zanditswe ku nteruro y'iri rushanwa cyangwa gukorerwa n'abandi bantu abo aribo bose.

INGINGO YA CYENDA.

Abazarushanwa bazahabwa igihe cy'ukwezi cyo gutegura inyandiko yabo.

INGINGO YA CUMI.

Abazaba batsinze mu rwego rw'igihugu bazabimenyeshwa hakoreshejwe radio n'ibinyamakuru, amazina yabo kandi azamanikwa kuri buri biro by'ubugenzuzi bw'ifasi.

INGINGO YA CUMI N'IMWE.

Inyandiko zizaba zatsinze zizahita ziba umutungo bwite w'abakoresheje irushanwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10 Gashyantare 1997.

Umuhuzabikorwa w'Umushinga "UBURERE MBONERA GIHUGU BUGAMIJE KUZAHURA UBWIZERANE N'UBWIYUNGE BW'ABANYARWANDA"

Bernardin RUTAZIBWA.